REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'UMUTUNGO KAMERE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 575813
Fax: +250 585755
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°18/2017: **Taliki ya 1–30 Kamena 2017**

Ryoherejwe kuwa 2 Nyakanga 2017

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Kamena 2017; cyagaragaje imvura yabaye nke; uretse mu gihugu hagati mu ndetse no majyepfo y'Uburasirazuba aho imvura yagaragaye ko yari mu kigero cy'iyo dusanzwe tubona.
- **Ububobere bw'ubutaka** bwaragabanutse mu gihugu hose kuva mu gice cya mbere kugeza mu cyanyuma cy'ukwezi kwa Kamena_2017
- **Ukwezi kwa Nyakanga 2017;** hateganyijwe **imvura** mu bice by'Amajyaruguru ndetse n'Uburengerazuba; ahandi hose mu gihugu hagaragare ibihe bisanzwe by'impeshyi.

I. Iriburiro

Ku bupimiro bwa Gitega (mu gihugu hagati) ndetse n'ubwa Ngoma (mu Majyepfo y'Uburasirazuba) mu kwezi kwa Kamena hagaragaye imvura iri mu kigero cy'isanzwe iboneka muri uko kwezi naho ahandi mu gihugu hagaragara imvura nke.

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu Kamena_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro:

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Kamena_2017	Kamena
Kigali	2.3	22.1
Rusizi (Kamembe)	1.2	28.9
Rubavu (Gisenyi)	10.3	48.4
Nyamagabe (Gikongoro)	0.3	39.5
Ngoma (Kibungo)	21.1	19.9
Gicumbi (Byumba)	5.9	29.1
Bugarama	0.1	25.6
Musanze (Ruhengeri)	8.4	38.5
Gitega	19.3	23.4
Rubengera	0.0	53.2
Byimana	0.0	36.0
Kawangire	6.8	20.2
Nyagatare	0.0	11.2

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Kamena_2017; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye muri Gicurasi_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri iyo minsi.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Kamena_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Kamena



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Gicurasi_2017



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Gicurasi



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Kamena_2017 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Kamena_2017; cyagaragaje imvura yari mu kigero cy'iyo dusanzwe tubona mu majyepfo y'Uburasirazuba bw'igihugu ndetse no mu gihugu hagati ikanaba nke ahandi hose hasigaye ku kigero cyo munsi y'iyari isanzwe iboneka muri uko kwezi (reba **Ikarita1&2**). Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Gicurasi_2017; cyo cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu Majyepfo y'Uburasirazuba ahandi hasigaye iba ku kigereranyo cyo munsi y'isanzwe ihaboneka (reba **Ikarita3&4**) bigaragarako ukwezi kwa Gicurasi habonetsemo imvura nyinshi kurusha ukwezi kwa Kamena

a) Intara y'Iburasirazuba

Ubupimiro bw'iyi Ntara habonetse imvura iri ku kigereranyo cyo munsi y'isanzwe ihaboneka; uretse ubupimiro bwa Ngoma hagaragaye imvura nyinshi mu gihugu hose ingana na mm21.1 (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

Ahandi hose hasigaye mu gihugu kuri buri bupimiro; hagaragaye imvura iri ku kigereranyo kingana n'isanzwe iboneka muri uku kwezi kugeza ku gipimo kiri munsi (reba **Imbonerahamwe ya1** n'**Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Kamena 2017 igice cya mbere Ikarita6: Kamena 2017 igice cya kabiri Ikarita7: Kamena 2017 igice cya gatatu

Mu Kamena_2017; igabanuka ry'imvura ryateye ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka nkuko bigaragazwa n'**Ikarita 5, 6&7;** Bitewe n'ibihe by'impeshyi bisanzwe biranga ukwezi kwa Kamena.

Muri Nyakanga_2017; hateganijweko imvura izaba nke ugereranyije n'iyabonetse muri Kanama_2017
Abahinzi barasabwa gukomeza ingamba zifasha imirimo yo mu mirima.

Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Nyakanga 2017

Muri Nyakanga_2017; hateganyijweko imvura izaba nke ugereranyije n'iyabonetse muri Kamena_2017 ariko ikazaba iri ku kigereranyo kingana n'iyo twari dusanzwe tubona muri Nyakanga (Amajyaruguru ndetse n'Uburasirazuba hateganijwe imvura izaba nyinshi ugereranyije n'ahandi mu gihugu)

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)